# IGITABO CYO KWERERERZWA

# BIKIRA MARIYA



UBUTUMWA BWAKIRIWE NA Sr MARCIANE

29 KAMENA 2023

MONAKI

COPYRIGHT 2023 MONAKI
Tous droits réservés.

## Ingingo zigize igitabo cyo KWEREREZWA

**BIKIRA MARIYA : IGITABO CYO KWEREREZWA**............................................... 2

**INTANGIRIRO** ............................................... 2

**1. URUHARE RW'INGINGO-RUMURI MU KWAMBARA KRISTU** .....................................12

**2. KWEREREZWA KWA MUNTU MURI IBI BIHE NI UKWINJIRA MU GUSHAKA KW'IMANA DATA**..........................................20

**3. IBYIZA BYO KWEREREZWA MU RUKUNDO** 27

**4. KWEREREZWA BIFUNGURA UBUBASHA BW'URUMURI-MANA** .....................................32

**5. UMUTSINDO W'IBIKORWA BYA DATA MU MUTIMA UTAGIRA INENGE NI ZO MBARAGA ZO GUTSINDA KWA MUNTU** ..........................37

**UMWANZURO**................................................44

## BIKIRA MARIYA : IGITABO CYO KWEREREZWA

Tariki 29 Kamena 2023

## INTANGIRIRO

Kwererezwa ni igikorwa cy'ububasha bukomoka mu Mana nzima kandi ni igikorwa cy'urumuri-mana rwisabanisha na Mwene Muntu kandi rugakura Mwene Muntu aho ari bityo rukamushyitsa mu bubasha buhoraho bw'Imana Data kandi mu mbaraga zayo zitavogerwa bityo Mwene Muntu agahabwa uburinzi bukomeye kandi Mwene Muntu akamburwa iby'Isi ndetse n'ab'Isi kuko aba yararangije guhabwa ububasha bukomeye muri Data kandi aba yararangije guhabwa umwanya ukomeye muri Data kuko ari integuro ikomoka mu rukundo rw'Imana Data kandi ikaba integuro ikomoka mu rumuri rw'Imana Data kuko Mwene Muntu yahanzwe mu rumuri kandi Mwene Muntu agahangirwa urumuri kugira ngo rumugenge kandi rumumurikire kuko rudahwema iteka guhora kuri Mwene Muntu kandi urumuri rw'Imana Data ruhora iteka rurasiye kuri Muntu kugira ngo rumuyobore kandi akaba ari rwo rumubeshejeho igihe cyose kabone n'aho Mwene Muntu atabyumva kandi Mwene Muntu atabyitaho ariko yahanzwe n'urumuri-mana kandi ahangwa n'ububasha bw'Imana Data mu kumwegeranya kandi mu kumusukura mu kumuremesha urumuri rwayo kugira ngo rumugenge kandi mu kuremesha imbaraga z'ikibatsi gitagatifu kugira ngo giture muri Mwene Muntu gihore iteka gishwanyaguza imbaraga zose z'umwanzi kandi cyimura imbaraga zose z'ibikorwa by'umwanzi mu Isi kuko Mwene Muntu Uhoraho Imana yamuremeye umugambi kandi ikamuremera integuro nziza

imubereye kandi imukwiriye yagombaga kumufasha kubaho mu buzima bwose asabanye n'urukundo rw'Imana Data kandi asabanye n'ububasha bw'Imana Data.

Niyo mpamvu rero kwererezwa byabayeho kuko habayeho Muntu mushya kandi hakabaho Mwene Muntu ugomba kubaho mu rumuri-mana kandi ugomba gusabana n'ububasha bw'Imana Data bityo agakurwa mu bikorwa by'Isi kandi akitarura Isi yari imaze kwandura kandi Isi yari imaze guhabwa imbaraga z'umwanzi kuko umwanzi yari amaze kuyimanukiraho kandi yari amaze kuyigota akaba ari yo mpamvu hagombaga ububasha bukomeye bwo kugira ngo Mwene Muntu abashe kwiyambura izo mbaraga kandi abashe kwiyambura ubwo bubasha bw'umwanzi yemera gushyirwa mu rumuri kandi yemera kwakira ububasha bukomeye bw'Imana Data.

Niyo mpamvu habayeho igikorwa cyo kugira ngo Mwene Muntu agombe kwererezwa kandi Mwene Muntu agombe guhabwa izo mbaraga zikomeye kuko ari imbaraga zisaba kwitanga kandi ari imbaraga zisaba kwirekura ndetse no kwirundurira mu biganza by'Imana Data Muntu yemera ko Uhoraho Imana ari hejuru ya byose kandi ko Uhoraho Imana ko ari urumuri kandi ari izuba rikomeye rimurasiraho bityo rikohereza imirasire ikomeye maze Mwene Muntu yakwemera kurangamira iyo mirasire igatsemba ubwandure bwose bw'umwanzi kandi igatsemba ikibi cyose cy'umwanzi kuko Isi yanduye kandi Isi yandujwe n'umwanzi bityo bwa bubasha bukamanukira muri Mwene Muntu bukamusukura wese bukamurema wese kandi bukamuha imbaraga zikomeye

zimukiza udusindu twose tw'umwanzi kandi zimukiza udukori twose tw'umwanzi kuko Isi y'umwanzi kandi Isi ibikorwa by'umwanzi yashyizeho byagiye byanduza Mwene Muntu niyo mpamvu habaho imbaraga zo kugira ngo uwemeye kwirekura kandi uwemereye Uhoraho Imana kugira ngo amugenge kandi amuyobore abashe kwakira izo mbaraga zikomeye z'urukundo rw'Imana Data zimurasiraho bityo agasukurwa wese kandi urumuri-mana rukamwinjiramo rukamubeshaho kandi rukamutunga rukamutunganya bityo agatura muri rwo kandi akayoborwa narwo igihe cyose.

Ni imbaraga rero zikorwa mu buryo Uhoraho Imana yishakiye kandi mu mbaraga Uhoraho Imana aba yashyize muri Mwene Muntu kandi aba yashatse kugaragaza kuko hari roho Uhoraho Imana atunganya kandi ashyira mu Isi zuje ubuziranenge bw'umutima we kandi zuje imbaraga z'umutima we mu buryo bwo kubaho kandi mu buryo bwo gutagatifuza abandi mu Isi ndetse no kubasakazaho urumuri nk'uko Uhoraho Imana atahwemye kungenda imbere kandi atahwemye kugaragaza urukundo rwe muri jye kugira ngo mbashe gutagatifuza Isi yose kandi Kristu-Rumuri wari uje muri jye kugira ngo agaragaze imbaraga zikomeye mu Isi yose kandi agaragaze ibikorwa by'umutsindo mu Isi kuko urwo rumuri twazanye mu Isi ari rwo rwapfunduye ipfundo rikomeye kandi rwigijeyo imbaraga zikomeye z'umwanzi zagombaga kwigirayo kugira ngo Mwene Muntu ashyirwe mu kidendezi cy'urumuri kandi Mwene Muntu ashyirwe mu mubumbe w'urumuri rubashe kumusukura kandi rubashe gushwanyaguza imbaraga zose z'umwanzi; hari ububasha umwanzi yifuzaga kugira kuri

Mwene Muntu kandi yashakaga guhora agaragariza Mwene Muntu mu kumuherana kandi mu kumuzitira kugira ngo atabona ububengerane bw'Imana Data ariko Kristu-Rumuri yaje gukuraho byose kandi yaje kurangiza byose kugira ngo ubwo bubasha bwe bwigaragarize Isi yose kandi imbaraga ze zitavogerwa kugira ngo ziboneke mu Isi kandi zihindure byose mu Isi bityo habaho igikorwa cyo kugira ngo Muntu ajye yererezwa kandi Mwene Muntu ajye azamuka mu ikuzo ry'Imana Data yunze ubumwe na DATA kandi asangiye byose na DATA.

Ni integuro rero ya DATA ikomeye kandi ni ububasha bwe butavogerwa bwashatse kugaragarira Isi yose kandi bwashatse kwigaragariza Mwene Muntu kugira ngo amenye ko Uhoraho Imana amufiteho umugambi kandi Uhoraho Imana ashoboye byose kuri we kandi arangiza byose kuri we akaba ari yo mpamvu igikorwa cyo kwererezwa kigomba kubaho kuri Muntu kandi kigomba kubaho mu nteguro ye ubwe na we mu kubigiramo uruhare yiyambura imbaraga zose z'umwanzi kandi mu kubigiramo uruhare yiyunga n'Uhoraho Imana mu gushaka kwe kandi mu kumwumvira ndetse no mu gutega amatwi yumva icyo Uhoraho Imana ashaka kandi ashaka kuri Mwene Muntu bityo mu gukurikiza iyo nzira kandi mu kwemera kwiyambura Isi ndetse mu kwemera kwiyambura iby'Isi n'abayo mu kwemera kunyura mu nzitane zose arwana kandi atsinda umwanzi bityo bikamuha imbaraga zo gukomeza kubaho mu bubengerane bw'Imana Data kandi kwakira urumuri-mana muri we bityo rukamumurikira kandi rugahindura byose bityo bwa bubasha bukomeye mu Mana

Data bugafasha Mwene Muntu kwitagatifuza kandi bukamufasha kugera ku rumuri nyakuri kandi mu bubengerane nyakuri bw'Uhoraho Imana.

Hari roho rero zererezwa zitakiri mu buzima kandi hari roho zererezwa zikurwa mu buzima bityo zikazamurwa mu bubengerane bw'Imana Data kandi zikazamurwa mu ikuzo ry'Imana Data kugira ngo iteka zihore muri ubwo buzima buhoraho bw'abatsinze kandi muri ubwo buzima buhoraho bw'urumuri-mana mu biremwa byayo kandi mu biremwa byatsinze bitakiri mu Isi hakaba rero hari na roho ziba mu Isi zererejwe kandi zahawe imbaraga zikomeye bityo zikihuza na roho zatsinze ziri mu Ijuru kandi ziri mu rumuri-mana bityo zikihuza n'abari mu Isi maze bakaba mu bubengerane kandi bakababaho mu buziranenge bw'urukundo rwa DATA mu musabano uhoraho w'ibikorwa by'Ijuru kandi mu musabano uhoraho w'imbaraga z'abamalayika ndetse n'abatagatifu mu kubakikiza mu kubagaragira mu kubaha ububasha bukomeye kuko iryo ari itegeko ridakuka rya DATA kandi ari ububasha bwa DATA bufasha Mwene Muntu mu gutsinda umwanzi ndetse no mu gukomeza kuba urumuri muri bose kandi mu rumuri rushyirwa ku gitereko kugira ngo rumurikire abandi kandi rufashe abandi mu Isi. Cyabaye rero igikorwa twafunguye mu Isi yose kandi ni igikorwa nafunguye ku bwanjye kandi tugafungura mu bubasha bukomeye bw'Imana Data kuko cyagombaga kubaho kandi cyagombaga kugerwaho kugira ngo gifashe roho nyamwinshi kandi gifashe integuro yagombaga kuba mu Isi kandi integuro igomba kugerwaho mu Isi y'ibikorwa bikomeye by'umutsindo wacu kandi ibikorwa

bikomeye byo kugira ngo Mwene Muntu yamburwe Isi kandi Mwene Muntu akurwe mu maboko y'umwanzi kuko Sekibi atigeze angiraho uruhare kandi Sekibi atigeze angiraho umwanya kuko namutsinze kandi ububengerane bwa DATA nari nambaye kandi ububasha bw'urukundo rwa DATA nari nambaye muri jye ko roho yanjye n'umubiri wanjye byari byaramaze kwererezwa kandi byari biri mu biganza by'Imana Data bityo nkahora muri ubwo bubengerane kandi nkahora muri urwo rumuri rwahoraga iteka runkwega rugatuma Isi itangiraho uruhare kandi Isi itangiraho umwanya bityo ngahora iteka iteka nyigendera kure nayo igahora iteka ingendera kure kuko nagombaga gutsinda urugamba rwari runzanye mu Isi kandi nagombaga gutangaza imbaraga zari zinzanye mu Isi kugira ngo ububasha bw'Imana Data bwigaragarize ikiremwa muntu kandi ububasha bw'Imana bwigaragarize Isi yose.

Hari icyo rero twari tuje kumvikanisha kandi hari icyo Kristu Nyagasani yaje kumvikanisha mu Isi yose yemera kwigira umwana mu nda yanjye kugira ngo tugaragaze ibikorwa bya DATA kandi dufungure byose imiyoboro yo kugira ngo Mwene Muntu ajye yererezwa kandi Mwene Muntu abashe kubaho mu gushaka kwa DATA kandi ayoborwe n'imbaraga zikomeye z'ububasha bw'Imana Data kuko ari cyo twashakaga ari cyo DATA yari yarashyizeho kandi cyagombaga kuba inzira yo kugira ngo Mwene Muntu ashyirwe mu rumuri kandi Mwene Muntu ahabwe ububasha bukomeye mu Mana Data. Twahambuye rero byinshi kuko ari ipfundo rikomeye twazituye kandi ari ipfundo rikomeye twasenye ry'umwanzi ryagombaga gukurwa mu nzira kandi ryari ryarabereye inzitizi benshi mu Isi

bityo ntibababashe kubona ububengerane bw'Imana Data kandi ntibababashe kumva urwo rukundo rw'Imana Data akaba ari yo mpamvu Kristu Nyagasani yemeye kugaragaza ikimenyetso gikomeye ku musozi wa Tabor yemera kwihindura ukundi kugira ngo agaragaze ikuzo rya DATA muri we kandi arigarize intumwa ze kugira ngo zibone ubwo bubengerane kandi zibashe kwerekwa imbaraga zikomeye zo kwihambura ku Isi ndetse n'ibyayo byose, kuko ari yo mpamvu yemeye kuziterezanya impinga y'imisozi kugira ngo zibashe kwakira ubwo bubasha kandi zibashe kumva ikuzo rihoraho ry'Imana Data. Hari byinshi rero twakoze ku bwacu kandi hari byinshi twakoze ku bw'integuro ikomeye yagombaga kubaho mu Isi kugira ngo umutsindo ugerweho wo kubohora Isi yose kandi umutsindo ugerweho wo kwerereza Isi yose kugira ngo ijye mu rumuri rw'Imana igengwe narwo kandi ibashe kumurikirwa narwo kuko ari inzira twari tuje gutangira mu Isi kandi ari ububasha bwagimbaga kugaragarira isi yose kandi bwagombaga kumvikana kugira ngo ibikorwa byacu byigaragarize Isi yose kandi imbaraga zitavogerwa z'urukundo rw'Imana Data kugira ngo zigaragarire Isi yose kandi zigaragarire ikiremwa muntu. Ni imbaraga rero zikomeye twafunguriye Isi yose kandi ni umuryango ukomeye twafunguye mu Isi wagombaga kumvikana kandi wagombaga kugaragara kugira ngo ububasha bwacu butavogerwa kandi itegeko rya DATA rihoraho rihore rivugurura byose mu Isi kandi rihore ryereka Mwene Muntu ko ububasha bwa DATA buri hejuru ya byose kandi bwaje kurangiza byose. Twubatse rero imbaraga zikomeye zidashobora gusenywa n'umwanzi kandi zidashobora guhirikwa n'umwanzi kuko ari cyo Kristu

Nyagasani yari aziye mu Isi kandi yari aje kugaragaza mu Isi yose bityo akihuza nanjye kandi urumuri rwe n'ububengerane bwa DATA bugatura muri twe kandi bukagaragara nk'ikimenyetso gikomeye cyagombaga kuturanga nk'Urugo Rutagatifu bityo ubwo bubengerane kandi uko kwererezwa kwagombaga gukorwa muri twe kugira ngo kugaragarire Isi yose kandi kugaragarire imiryango yose y'abemera kuko igomba kwererezwa mu bubengerane bw'Imana DATA kandi igomba guhabwa ubwo bubasha bukomeye buhindura byose kandi butsinda byose kuko hari byinshi bigomba gukorwa mu Isi yose ku bw'imbaraga zikomeye z'urukundo rw'Imana Data kandi ku bw'imbaraga zayo zitavogerwa zasakajwe mu Isi kandi zigaragaje mu Isi.

Kwererezwa rero ni igikorwa DATA agiramo uruhare kandi ategeka mu bubasha bwe bityo ububasha-rumuri rwe kandi ububasha bw'ubuziranenge bwe bukigaragariza Isi yose kandi bukumvikana mu Isi yose mu bimenyetso bikomeye ko kwererezwa ari igikorwa kireba buri muntu wese wahanzwe na DATA kandi kigomba gukorwa mu bubasha bwose bw'Imana DATA kugira ngo ikuzo rya DATA ryigaragaze kandi imirimo ye ikomeye igaragarire Isi yose. Ni igikorwa rero twasakaje kandi dukomeje gusakaza mu mbaraga zigendanye n'umutsindo udakuka w'umutima utagira inenge wanjye kugira ngo roho zose zererezwe kandi roho zose zisubire mu biganza bya DATA kuko ipfundo rikomeye twaripfunduye kandi ububasha bwacu jye na Kristu Nyagasani bwagombaga gupfundura byose kandi bwagombaga kurangiza byose kugira ngo Mwene Muntu amenye ko Uhoraho Imana amufiteho uruhare ntacyo

ashobora kwiratana kindi kandi nta buryo bundi ashobora kwigengamo kuko ugushaka kwe kose kwakuweho kandi kwigijweyo kugira ngo ububasha bw'Imana Data bwigaragarize Muntu kandi ububasha bw'Imana Data bugenge Mwene Muntu mu rumuri ruhoraho kandi mu bubengerane bw'ikuzo ry'Imana Data rihoraho kugira ngo rihore iteka ritwikiriye Mwene Muntu kandi rimufasha kwitagatifuza ndetse no kwinjira mu musabano ukomeye w'Uhoraho Imana. Hari byinshi rero twazituye kandi hari byinshi twafunguye kugira ngo ibikorwa byacu bisakazwe mu Isi yose kandi imbaraga zacu zitavogerwa zigaragarize Isi yose kandi zimenyekane mu Isi yose kuko hari byinshi byagombaga gukorwa kandi hari byinshi byagombaga kugerwaho kugira ngo ububengerane bw'Imana Data bwigaragaze kandi buhishure byose mu mbaraga zikomeye kandi mu bubasha bwayo butavogerwa bwagombaga guhindura byose mu Isi kandi bwagombaga kugaragaza intsinzi ikomeye.

Ni igikorwa rero niyoboreye kandi ni igikorwa Kristu Nyagasani arangaje imbere kugira ngo ububengerane bwa DATA busakazwe mu biremwa byose kandi urumuri rwa DATA ruhoraho kugira ngo rwinjire muri Mwene Muntu ruhindure byose kandi rwubake amateka ndetse n'imbaraga nshya zigomba kuranga Muntu mu buzima bushya kandi Muntu wasukuwe Muntu wererejwe kandi Muntu wunze ubumwe n'Imana Data mu bubasha bwayo mu rumuri rwayo ruhoraho mu mutima wayo wuje ubuziranenge kuko urwo rumuri rugomba guhora iteka mu buzima bwa Mwene Muntu kandi urwo rumuri ruhora iteka rugomba kwigaragariza Mwene

Muntu akaba ari igihe cyo kugira ngo ahumurwe kandi amenye ko asangiye ikuzo n'Imana DATA kandi ari mu biganza by'Imana DATA. Ni igikorwa rero cy'ubudahangarwa bwa DATA kandi ni igikorwa cy'imbaraga ze zidakumirwa zasakaye mu Isi yose kandi zigaragaza gutegeka kwe ndetse n'ububasha ndetse n'imbaraga afite kuri Mwene Muntu mu buzima buhoraho kandi mu buzima buhoraho bw'intsinzi mu rumuri rw'Imana Data. Ni igikorwa rero DATA ashyigikiye kandi ni igikorwa cyaturutse kuri we mu rumuri rw'umutima we kigomba kwerereza roho zose zo mu Isi kandi kigomba gutagatifuza Isi yose kugira ngo imenye ko iri mu bubasha bw'Imana Data kandi imenye ko umwanzi yatsinzwe kandi n'ibikorwa bye byose byatsinzwe ari igihe cyo kuyobora kwa DATA kandi ari igihe cyo kuyobora kw'imbaraga z'abatagatifu batsinze kandi bari mu ikuzo rya DATA kugira ngo bagaragaze imbaraga zabo mu Isi yose kandi bagaragaze ububasha bwabo bukomeye mu Isi yihuza na Mwene Muntu uri mu Isi kuko ari cyo babereyeho kugira ngo izo mbaraga zabo zagobotoye byose kandi izo mbaraga z'urumuri rw'Imana Data bambaye kandi baganjemo kugira ngo zihuze na Muntu uri munsi kandi zihuze n'igikorwa Mwene Muntu agomba gukora mu Isi yose kuko agomba kugikora mu bubengerane bw'Imana Data kandi akagikora ari mu rumuri rw'Imana Data. Ni ibikorwa rero Isi igomba kumva kandi ibikorwa Isi igomba gushyirwamo ku itegeko rya DATA kandi ku bubasha bwe butavuguruzwa kandi ku itegeko rye rimwe rigomba guhindura byose kandi Mwene Muntu akaba mu bubengerane bw'Imana Data kandi agahora iteka mu gushaka kwa DATA igihe cyose.

# 1. URUHARE RW'INGINGO-RUMURI MU KWAMBARA KRISTU

Uwatsinze kandi uwaganje uwamanukanye ikuzo rya DATA kandi wamanukanye ububengerane bwa DATA ku wemeye kumwambara kandi ku wemeye kumwikwiza icyo gihe ahorana imbaraga zikomeye kandi agahora mu bubengerane bwe bukomeye kandi mu bubasha bw'ikuzo rya DATA kuko aba yarangije kwihuza na DATA kandi aba yarangije kwinjira mu rumuri ruhoraho. Hahirwa rero abakiriye Kristu muri bo kandi hahirwa abamwakiriye nk'umukiza wabo kandi umutabazi wabo kuko babona imbaraga zikomeye kandi bakavugururirwa byose muri bo bityo bakagirwa bashya kandi bakakira imbaraga zikomeye z'ububasha bwe butavogerwa kandi ububasha bw'inyanja-rumuri imukomokaho ikomoka kuri DATA kandi isakazwa mu biremwa byose. Habaho rero imbaraga zikomeye Kristu Nyagasani atangariza Mwene Muntu kandi yuzuza muri Mwene Muntu kugira ngo abashe kwakira ububengerane bw'Imana Data kuko yaje kubohora byose mu Isi kandi yaje kwiyambika Mwene Muntu kugira ngo ahorane umutsindo kandi Mwene Muntu ahorane ubuzima muri DATA kandi ahorane imibereho mishya muri DATA kuko ari rwo ruhare agaragaza mu mibereho ya Mwene Muntu kandi mu gutagatifuza roho ndetse n'umubiri bya Muntu. Uwambaye rero Kristu kandi uwihuje na we ntagengwa n'icyaha kandi ntagengwa n'amategeko y'Isi ntagengwa na za karande kandi nta n'ubwo agengwa n'ibikorwa by'amarangamutima ye kuko ayoborwa n'urukundo rwa Kristu

kandi akayoborwa n’ububasha bw’Imana Data kuko ufite Kristu aba afite DATA kandi umwambaye aba asukuye wese kandi aba ari umusukuke mu buryo buhoraho kandi mu buryo bw’imbaraga bityo agatura iteka mu rukundo n’ikibatsi gitagatifu gihoraho cy’urukundo rw’Imana Data.

Kristu Nyagasani rero ni ingingo kandi Kristu Nyagasani uwamwambaye aba yabaye umugeni we kandi aba yabaye urugingo rukomeye rwa DATA kuko ufite Kristu Nyagasani aba afite imbaraga zikomeye kandi aba ari mu bwigenge buhoraho bw’Imana Data. Kristu rero yaje kugaragaza byose kandi yaje kugaragaza imbaraga zikomeye kandi uwemeye kumwakira mu buzima bwe buri rugingo rwose ruba rufite imbaraga ze kandi buri rugingo rwose ruba ruri mu rumuri rwe kuko urumuri rwe rudatsindwa kandi urumuri rwe rutazigera rutsindwa ari urumuri rubonesha kandi ari urumuri rumurika mu mwijima ari narwo rumuri yatangaje azuka kandi atsinda Isi n’abayo bose yiyambura imbaraga zose z’umwanzi bityo akazamukana abo umwanzi yari yarisasiye kandi abo umwanzi yari yaraboshye kuko yaje kubabohoza urumuri rwe bityo akabiyambika kandi akihuza nabo maze ingingo zabo zose akazisubiza urumuri kandi akazisubiza ubuzima bityo akazikura mu icuraburindi ry’umwanzi akabazamura mu myanya ndetse n’ibyicaro yari yabateguriye mu kwemera kumanuka mu Isi kugira ngo abateguze kandi abategurire bityo urumuri rwe rufungure kandi rugende rusakazwa ikuzimu mu mbaraga z’umwanzi kugira ngo byose bibohorwe kandi ibyari ingoyi kuri Mwene Muntu kugira ngo iminyururu yose umwanzi Sekibi yari yarabohesheje Mwene Muntu kugira ngo agende ayikurwaho

kandi inzugi zari zaradadiwe n'umwanzi kugira ngo zikingurwe kuko Yezu Kristu ari yo mpamvu yanyuze mu rupfu kandi akemera kwisanisha na Mwene Muntu mu buryo bwose kugira ngo amubohore kandi amuhe agakiza gakomeye gaturuka kuri DATA kandi gakomoka kuri we kugira ngo kihuze na Mwene Muntu kandi kamufashe kwitagatifuza ndetse no kubasha kwakira ibikorwa bihoraho bya DATA.

Uwemeye rero kwakira Kristu kandi uwemeye kumva imbaraga zikomeye zo kubana na we kandi kwishimira mu bikorwa bye aba yahawe imbaraga zikomeye kandi aba yabaye urumuri rumurika kandi aba yabaye Kristu ubwe kuko agenda na we kandi akamuyobora; imvugo ye ntiba ikiri yo ahubwo imvugo iba ari iya Kristu kandi ibikorwa aba ari ibya Kristu kuko amubwiriza akamuyobora kandi akamwiyambika wese. Ni rwo ruhare rero rwo kwakira ingingo kandi ni rwo ruhare rwo kwakira Kristu kuko Kristu ari we ngingo-rumuri kandi akaba ari uruhare rwo gutsinda ibishuko byose by'umwanzi kandi akaba ari imbaraga zikomeye ndetse n'inkunga ikomeye kuri Mwene Muntu yo kwiyambura ibikorwa byose by'umwanzi kandi kwiyambura ububasha bwose bw'umwanzi kuko Kristu ari urumuri kandi akaba ari ubugingo kandi akaba ari imbaraga zikomeye mu buryo bwo gutsinda ibishuko byose by'umwanzi ndetse no gusiga Isi n'abayo n'ibikorwa byayo byose.

Habaho rero ugushaka kwa Muntu kandi habaho ukwemera kwa Mwene Muntu bityo akihuza na Kristu Nyagasani kandi akemera kumusanga wese akamuhindura kandi akamurema bundi bushya kuko Yezu Kristu yaje kubigaragariza Isi yose kandi yaje kubitangariza Mwene Muntu kugira ngo abashe

kwakira urwo rumuri kandi abashe kwakira ubwo bubasha bukomeye kuko ari cyo cyamuzanye mu Isi yose kugira ngo yihuze n'abanyabyaha kandi yihuze n'abo umwanzi yagiye aboha abo umwanzi yaje agahubika bityo icyari icyiza kandi icyari ikirezi DATA yabaremanye akagihindanya kandi akagishyiraho ubumara bwe kandi akagisukaho ubukana bwe bubi bityo Mwene Muntu ntabashe kumva rwa rukundo rw'Imana kandi ntabashe kuyoborwa narwo. Niyo mpamvu rero Kristu Nyagasani yaje kwiyambika bose kandi yaje kuba urugingo kuri Mwene Muntu kandi akaba ingingo zikomeye zambikwa Mwene Muntu ku wemeye kwakira ubuzima bwe kandi ku wemeye kumwakira kuko ahorana umutsindo kandi uwemeye kwakira Kristu-Rumuri akamwambara wese ntaba akibereyeho ahubwo aba abayeho ku bw'urukundo rwa Kristu kandi aba abayeho ari Kristu muri we kuko Kristu aba amuyoboye kandi Kristu aba amwitaho igihe cyose amugenga amufasha kandi amugoborera ineza ye bityo akayoborwa n'urukundo rwa Kristu kandi akayoborwa n'imbaraga ze zose mu buzima bwe bwa buri munsi kandi mu bitekerezo n'amarangamutima ye kuko ububasha bwa Kristu aba ari bwo buba buriho kandi buba bwasukuye byose bugatsinda byose bityo hakabaho ubuzima bushya kandi imibereho mishya kuko Mwene Muntu aba yarangije kuremwa bundi bushya kandi aba yanyujijwe mu rumuri rumurema rumusukura rumutagatifuza mu buryo bunoze kandi mu buryo bunogeye umugambi wa DATA. Ni imbaraga rero zikomeye kandi ni imbaraga zitavogerwa zituruka mu bubasha bw'Imana Data kandi zituruka mu mbaraga zose Kristu Nyagasani yazaniye Isi kandi yazaniye Mwene Muntu kugira ngo agaragaze uruhare rwo

guha Mwene Muntu ingingo-rumuri kandi ingingo nshya muri we zimufasha gusabana n'urukundo rw'Imana Data kandi zimufashe kumva ibikorwa bikomeye by'Imana Data kuko ufite Kristu muri we aba yabonye DATA kandi aba yamubereye inzira y'ukuri n'ubugingo bityo akagera kuri DATA kandi ubwo bugingo bugatura muri we bukamumurikira bukamuha guhorana ibyishimo kandi guhorana urukundo ndetse no kuba urumuri rw'abandi kuko aba yashyizwemo imbaraga zikomeye z'urumuri kandi aba yambitswe urumuri rutazima urumuri ruhora rumurika ubuziraherezo. Kristu rero ni we rumuri kandi Kristu ni we rumuri ruganje ni we rumuri rwatsinze ni we rumuri rurema ni we rumuri ruhindura byose kandi ni we rumuri rutanga ijambo ni we rumuri rutanga ubuzima kandi ni we rumuri ruzura abapfuye bagasubirana ubuzima kuko urumuri rwe ari rwo rutanga ububasha kandi urumuri rwe rugatanga imbaraga zikomeye zitsinda umwanzi kandi zikandagira ububasha bwose bw'umwanzi kuko Kristu yaje gutsinda ibikorwa byose bya Lusiferi kandi yaje gutsinda ibikorwa byose by'umwanzi ndetse n'ibishuko bye byose yemera kubitsindisha imbaraga ze zimutuyemo kandi yemera kubitsindisha urumuri rwa DATA yamanukanye rwamumurikiraga kandi rwamuhaga gukora ibitangaza kandi rukamuha gutambuka aho Mwene Muntu yafunze kandi rukamuha gutambuka mu bikorwa bikomeye byose by'umwanzi bityo agatambuka ntihagire ikimwanduza kandi ntihagire igihindura imbaraga ze kandi ntihagire igihindura ububasha bwe.

Kubaho rero mu ngingo kandi kubaho Muntu ari ingingo rumuri za Kristu nizo zimufasha gukora ibitangaza kandi nizo zimufasha kumva neza ko Kristu Nyagasani ububasha bwari buri muri we kandi imbaraga z'urumuri rwe zatumaga Mwene Muntu umukozeho kandi Mwene Muntu umwegereye Kristu Nyagasani yumva ko ubabasha bwe bumusohotsemo kuko ari imbaraga z'urumuri kandi ari imbaraga zikwega ari imbaraga zikurura kandi ari imbaraga zihindura byose kandi zigatanga kubona ndetse no kumva ibyo Mwene Muntu adashobora kumva kandi adashobora kwibwira kuko ari imbaraga zihishura byose kandi ari imbaraga zitwikurura buri kimwe cyose kikagaragara kandi kikamenyekana. Kwambara rero Kristu-Rumuri kandi kumutunga mu buzima bwa Mwene Muntu ni ugutsinda Isi ndetse ni ugutsinda umwanzi ndetse n'ibyayo byose kuko Kristu Nyagasani ari ububasha budatsindwa kandi ari ububasha budahangarwa bwaremwe na DATA kandi bwashyizweho na DATA mu ijambo rya DATA kuko Kristu Nyagasani aryambaye kandi rituye muri we bityo rikamuyobora kandi rikamuha kwigenga mu Isi yose kandi mu biremwa byose DATA yahanze.

Kristu rero ni DATA kandi Kristu ni urumuri rwa DATA ni urumuri rutamanzuye rwa DATA kandi ni urumuri rugari rwa DATA rwigaragarije Isi yose kandi rwaje mu Isi bityo rukiyoroshya kandi rugacisha make kugira ngo rubashe kwakirwa na bose kandi rubashe gusakara muri bose bityo ruba urumuri rwagiye rumurikira benshi mu kugabanya imbaraga zarwo kandi mu guhishurira abashumba kandi mu guhishurira abami bakomeye baje kumuramya ko ari we

rumuri kandi ari we nyenyeri imurika kuko yari abarangaje imbere ari urumuri kuko ari rwo rwabakweze kandi ari rwo rwabamurikiye rukabazana aho Kristu Nyagasani yari ari kuko ububasha bwe bwagombaga kureshya bose kandi bwagombaga guhindura byose. Nta na kimwe rero Kristu atazaniye Isi kandi nta mbaraga zikomeye kandi ni imbaraga zidasanzwe yazaniye Isi zagombaga kwakira na Mwene Muntu kandi zagombaga kuyobora Mwene Muntu kugira ngo abeho mu bubasha bw'Imana kandi ayoborwe n'imbaraga zikomeye z'Uhoraho Imana igihe cyose kandi agengwe nazo. Twazanye rero imbaraga zidasanzwe mu Isi yose kandi twazanye imbaraga zikomeye z'ububasha bwacu mu Isi yose kugira ngo zigaragarize Mwene Muntu kandi zihishurire byinshi Mwene Muntu kugira ngo amenye ubudahangarwa bw'Imana Data kandi amenye ibikorwa bikomeye bya DATA byihishuriye Isi yose kandi byagaragariye Isi yose. Kristu rero ni we rumuri ruhoraho kandi Kristu ni we rumuri rw'amahanga kandi akaba ingingo zihoraho muri DATA kuko yubatse kandi yubakitse n'ububasha bwa DATA kandi yubatswe n'imbaraga zose za DATA bityo na we akaba yubatse Mwene Muntu mu buryo buhoraho bwo kumusabanyisha n'urukundo rw'Imana Data kandi kumusabanyisha n'imbaraga zihoraho za DATA.

Habaho rero ukwirekura kwa Mwene Muntu kandi habaho ukwemera gusiga byose kwa Mwene Muntu kugira ngo abashe kwakira ingingo-rumuri Kristu kandi abashe kumwambara mu buzima bwe bwose kugira ngo atsinde kandi yiyunge nawe kuko ufite Kristu kandi umwambaye arategeka byose bigakorwa mu bubasha bwa Kristu uri muri we kandi yavuga

akavuga mu mbaraga za Kristu kandi mu ijambo rya Kristu we Jambo-Rumuri ruri muri we bityo rugategeka byose kandi rugahindura byose ko imbaraga za Kristu kandi umwambaye atihishira kandi umwambaye adashobora kuba nka rwa rumuri bubikaho icyibo kuko bidashoboka ari urumuri rusandaye kandi ari urumuri rusakaye mu Isi yose kandi urumuri rumurika mu Isi yose kugera n'ikuzimu kuko ari urumuri rudatsindwa. Uwambaye rero Kristu aba ari urumuri rugaragarira bose kandi aba ari urumuri rwasakaye mu Isi yose kandi rwatsinze byose kuko ntaho ruhezwa ikuzimu rwagezeyo rukabohora kandi mu Isi rukigaragaza mu bimenyetso n'ibitangaza bikomeye bidashobora gutsindwa kandi bidashobora guhigikwa na Mwene Muntu.

Ufite rero Kristu kandi umwambaye yitwa Mutsinzi kandi ahorana umutsindo muri we kuko nta gishobora kumunyeganyeza kandi nta gishobora kumuvogera igihe cyose ava mu ntambara kandi igihe cyose akemera kunyura mu rupfu agatangaza ubuzima kandi agatangaza urumuri aho ahingukiye kandi aho atungukiye kuko ububasha bwa Kristu ari cyo buvuze kandi kwambara Kristu akaba ari cyo bivuze kuko Kristu ari urumuri kandi Kristu yatsinze byose kandi akiyambura byose umwanzi yamukangishaga kandi yamutegaga. Ni imbaraga rero zitavogerwa z'Isi yose kandi ni ububasha budakumirwa bw'isi bugomba kwakirwa na Mwene Muntu kandi bugomba guturamo Mwene Muntu kuko yaje kwiyambika Mwene Muntu kandi akaba asaba Mwene kwakira izo mbaraga zikomeye kuko Kristu ari ububasha kandi Kristu akaba ari urumuri ruhoraho iteka ryose.

## 2. KWEREREZWA KWA MUNTU MURI IBI BIHE NI UKWINJIRA MU GUSHAKA KW'IMANA DATA

Kwererezwa kwa Muntu muri ibi bihe kwashyizweho imbaraga zikomeye ku bw'urukundo rukomeye DATA afitiye ikiremwa cyose kandi ku bw'imbaraga zikomeye Mwene Muntu agomba kwiyumvamo kandi agomba kumvamo urukundo DATA amukunda kandi yamuremesheje kandi amugengana bityo Mwene Muntu agahabwa imbaraga zikomeye zo kugira ngo abashe kwinjizwa mu gushaka kw'Imana Data kandi abashe kukumva ndetse no kukubamo uko bikwiriye kuko amahirwe yari yahawe kandi igihe yari yarateguriwe cyo kugira ngo amenye ko agomba kwiyunga n'Imana Data kandi agomba gusabana nayo mu gitambo cya Yezu Kristu yemeye kwitamba kandi yemeye kwitangira ibiremwa byose Mwene Muntu ntiyabihaye agaciro kandi ntiyigeze abifata nk'imbaraga zikomeye zimuzaniwe kandi nk'urumuri rukomeye rumuzaniwe kandi ruzaniwe Isi yose bityo akomeza kurupfobya kandi akomeza gutwarwa n'ibikorwa by'Umwanzi ndetse no gukomeza kubyifureba bityo yibagirwa urukundo kandi yibagirwa urumuri Yezu Kristu yazaniye Isi yose kandi imbaraga twazaniye Isi yose. Byabaye ngombwa rero ko habaho itegeko rya DATA kandi habaho ugushaka kwe kose kugira ngo Mwene Muntu ashyirwe mu bubasha bukomeye bwe kandi Mwene Muntu yinjizwe mu mbaraga zikomeye z'ugushaka kw'Imana DATA mu buryo budasubirwaho kandi mu buryo budasubizwa inyuma bityo dutangira igikorwa cyo

kugira ngo twerereze Mwene Muntu kandi tumukure mu isayo y'umwanzi ku mbaraga ndetse no ku ngufu ko ari ibikorwa bigendanye n'Umutsindo Udakuka w'Umutima utagira inenge wanjye ugomba kwigaragariza Isi yose kandi ugomba kumvikana mu Isi yose ko Yezu Kristu we rumuri ruhoraho kandi rumuri rw'amahanga yampaye Mwene Muntu kandi akamundaga munsi y'umusaraba kugira ngo mumenye kandi mwiteho bityo bikaba byarabaye imbaraga zacu kandi bikaba bigomba kuba itegeko rihoraho rya DATA kuko abana bose bagomba gutaha kandi abana bose bagomba kwinjizwa mu bwami bwa DATA kuko buri wese yateguriwe umwanya kandi buri wese yahawe icyicaro Yezu Kristu yaje kumutegurira no kumubohora kugira ngo amukize amaboko yose y'umwanzi. Ntabwo rero Mwene Muntu akifiteho ubwigenge kandi Mwene Muntu ntabwo agifite kwigenga uko ashatse kandi nta n'ubwo agifite kugengwa n'umwanzi ndetse no gutwarwa n'umwanzi mu buryo umwanzi yifuza kandi mu buryo ashaka ifumbire yo kugira ngo abone abo yisasira kuko twakuyeho byose kandi tugahambura byose kugira ngo abari baboshywe bakomeze kubohorwa kandi abari ingorwa ku bw'umwanzi babohorwe kandi bahabwe ubwigenge bukomeye.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu akomeze kubohorwa izo mbaraga kandi Mwene Muntu yinjizwe mu gushaka kw'Imana Data bityo gukamure ikibi cyose kandi guhindure amarangamutima ye guhindure ibyiyumviro bye bityo ibikorwa byose by'umwanzi bisukurwe bikoropwe bikurwe mu bitekerezo bya Mwene Muntu kandi bisukwe hanze kuko ikibi cyose kigomba gusukwa hanze kandi

ubugome bwose bw'umwanzi bugomba kugenda kandi bugasohoka muri Mwene Muntu bityo bugasukwa hanze kandi umwanzi agahekenya amenyo wenyine maze Mwene Muntu agashyirwa mu bubengerane buhoraho bwa DATA kandi agasubizwa mu rumuri yaremewe kandi mu mbaraga z'ububasha bw'Imana Data bwamuremye kandi mu misusire yahawe ya DATA. Hari byinshi rero bigomba gukorerwa Mwene Muntu kugira ngo ububasha bw'Imana Data bwigaragaze kandi intsinzi ikomeye y'ibikorwa DATA yanshyize mu biganza kugira ngo byigaragaze mu buziranenge bwe kuko hari byinshi bigomba gukorwa mu Isi yose kandi hari imbaraga zigomba kumvikana kugira ngo Isi imenye ko ububasha bwose ari ubw'Imana Data kandi Isi imenye ko ibikorwa byose biri mu biganza by'Imana Data mu buryo buhoraho kandi mu buryo bw'imbaraga zidasubizwa inyuma. Mwene Muntu rero nta ruhare akifiteho kandi Mwene Muntu nta burenganzira agifite bwo kugenda uko ashatse kandi gukora uko ashatse kuko ububasha bwacu bwasakaye mu Isi yose kandi imbaraga zacu zikomeye zasakajwe mu Isi kugira ngo zihindure byose kandi zivugururure byose bityo ububasha bwacu butegeka kandi ububasha bwacu bugenga byose kugira ngo bwigarigarize Isi yose kandi bumenyekane mu buryo bw'imbaraga kandi mu bimenyetso bikomeye bidashobora gusubizwa inyuma kandi bidashobora guhagarikwa ku bw'itegeko rikomeye rya DATA kandi ku bw'ububasha bwe butagamburuzwa.

Hari byinshi rero bigomba gukorerwa Mwene Muntu kandi hari byinshi twatangiye gukorera Mwene Muntu tumwuzuza urumuri kandi tubyiga ikibi cyose cy'umwanzi kugira ngo

gisohorwe kandi gisunikwe gikurwe mu nzira bityo ububasha bwacu bwigaragarize Isi yose kandi ububasha bwo gutsinda k'umutima wanjye utagira inenge kugira ngo bwigaragaze ku Isi yose kandi bumenyekane. Ni imbaraga rero zitavogerwa kandi ni imbaraga zikomeye zigomba kwigaragariza Isi yose kandi zigomba kumvikana mu Isi kuko ubuyobozi bwa DATA bwamye butsinda kandi ubuyobozi bwa DATA buzakomeza gutsinda ibikorwa byose by'umwanzi kuko ubwami bwe bugomba kuganza mu Isi yose kandi ugutegeka kwe kukumvikanira buri kiremwa cyose. Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu ubwikuze bwose akura ku mwanzi kandi ubwikunde yiyumvamo bityo akanga ibikorwa by'Imana Data ari igihe cyo kugira ngo byose abirekure bityo yakire urukundo rw'Imana Data kandi asubire mu buziranenge bw'Imana Data yaremewemo kandi yahangiwemo kugira ngo bumubesheho kandi bumuyobore igihe cyose. Ntawe rero ukifiteho uruhare kandi nta n'ukifiteho uburenganzira bwo gukora icyo ashatse kuko uburenganzira bwa Mwene Muntu bugenda bumushirana kandi bugenda buyoyoka burangirira mu bikorwa turi gukora kandi mu bikorwa bigomba kugaragarira Isi yose kugira ngo ubwigenge Muntu yiyumvagamo bwose buhinduke ubusa imbere ye kandi buhinduke umuyonga bityo bumuce mu myanya y'intoki. Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu yinjizwe kandi yumve ko koko yinjijwe mu gushaka kw'Imana Data ko twafunguye imiryango buri wese agomba gushyirwamo kandi Kristu Nyagasani we mushumba mwiza agashorera buri ntama yose ayinjiza mu gikumba cya DATA kandi mu gushaka kwa DATA kugira ngo abe ari ho ihererwa ubuzima kandi kandi abe ari ho ihererwa amahirwe yo kubaho

ndetse no kuba mu byishimo bihoraho by'urukundo rwe kuko Kristu Nyagasani agomba kwigaragariza abo yacunguye kandi amaraso ye y'igiciro agomba kugirira akamaro buri kiremwa cyose kiri mu Isi. Ntabwo rero imbaraga ze zizigera zipfa ubusa kandi ibikorwa byamuzanye mu Isi ntabwo bizigera biteshwa agaciro ku bwa Muntu udasobanukiwe kandi ku bwa Mwene Muntu utumva urukundo rw'Imana Data ariko akaba ari igihe kigeze kugira ngo yumve kandi arusheho gusobanukirwa ibyo yirengagizaga nkana kandi ibyo yihunzaga nkana ko agomba kumva ko urukundo rw'Imana Data rumuyoboye kandi rwamuremye rumukunze kandi rumushaka kugira ngo aruhoremo kandi atuzwe muri rwo. Hari byinshi rero bigomba gukorwa kandi twatangiye gukora kugira ngo ububasha bwacu bwigaragarize Isi yose kandi bumenyekane mu Isi yose mu bimenyetso mu mbaraga ndetse n'ibitangaza bigomba gikorwa kugira ngo Muntu amenye ko ububasha bwacu bwaje kuyobora byose kandi ububasha bwacu bwaje gutegeka ndetse no guhindura byose mu Isi bityo Kristu Nyagasani akaba agomba gutsindira Mwene Muntu kandi akaba agomba kumuha umutsindo yagaragaje yemera kumanuka yemera gusiga ikuzo rya Se kugira ngo aze mu Isi bityo agaragarize bose ukubohorwa kandi agaragarize bose urukundo rukomeye. Ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga ze zigaragaze mu Isi yose kandi zumvikanire Mwene Muntu kuko nta n'umwe utarabwiwe icyo DATA ashaka kandi utarabwiwe icyo DATA yifuza ariko akaba ari igihe cyo kugira ngo Mwene Muntu utarashatse kumva abigenderemo kumbaraga za DATA kandi abigenderemo ku bubasha bwa DATA bumusunika kandi bumuha gutsinda kandi agatsindirwa imbaraga zose z'umwanzi

bityo akinjira mu bubengerane buhoraho bwa DATA kandi mu mbaraga ze zitavogerwa. Hagomba rero gukora imbaraga zacu kandi hagomba gukora ububasha bwacu budasubizwa inyuma kandi budatsindwa kuko ari igihe cy'umutsindo wacu kandi hakaba hari ibikorwa by'umutsindo turimo kugira ngo byigaragarize Isi yose kugira ngo byumvikane mu buzima bwa Mwene Muntu bityo amenye ko DATA ashoboye byose kandi ari hejuru ya byose mu kumugenga mu kumuyobora kandi mu kumufataho ingwate kandi mu kumufata bugwate kugira ngo ajye mu mwanya we kandi abeho mu rumuri rwa DATA uko bikwiriye kandi igihe cyose.

Ni igihe rero cy'imbaraga zo kugira ngo Mwene Muntu yererezwe kandi Mwene Muntu ashyirwe mu rumuri yamburwe ibyo yumvaga ko ari ubwigenge bwe kandi yamburwe ibyo yumvaga ko agomba gukora uko ashatse kandi agomba kugenda uko ashatse yirengagiza ugushaka kw'Imana Data byose tukaba twarabihinduye imfabusa imbere ye kandi ibyo byose tukaba twarabihinduye umuyonga kugira ngo yumve urukundo rwacu kandi yumve imbaraga zacu zimuyobora mu gushaka kwacu igihe cyose kandi zimugenga ibihe byose. Ni igihe rero cyo kugira ngo Mwene Muntu yumve ko agomba kugengwa n'urukundo rw'Imana Data rukamubwiriza rukamutegeka icyo agomba gukora kandi uburyo agomba kwitwara ndetse n'uko agomba kugenza mu bikorwa by'Imana Data igihe cyose. Icyo gikorwa rero twakoze cyo kugira ngo Mwene Muntu yererezwe kandi Mwene Muntu ashyirwe mu rumuri kuko benshi batarabyumva kandi benshi batarasobanukirwa n'imbaraga zacu ndetse n'urukundo rwacu

ariko igihe kirahari kugira ngo buri wese azamenye ko twakoze imirimo ikomeye kandi ko twagaragaje imbaraga zacu zitavogerwa mu kumwerereza kandi mu kumufasha kuba mu rukundo kuko byose byakozwe mu rukundo rw'intsinzi igomba guhabwa Mwene Muntu kandi ku ikamba rigomba guhabwa Mwene Muntu ry'uko umutima wanjye utagira inenge umukunda kandi mpa agaciro urukundo Kristu Nyagasani yazanye mu Isi kandi rwamuzanye mu Isi kugira ngo Mwene Muntu utarwumva kandi Mwene Muntu utaruzi kandi utaruha agaciro kugira ngo abashe kurubona mu kuva mu buhumyi bw'umwanzi kandi mu kuva mu mwijima w'umwanzi ashyizwe mu rumuri kandi abonye ububengerane bwa DATA kugira ngo arusheho kumva ibikorwa byacu byose kandi arusheho gusobanukirwa imbaraga z'urukundo tumukunda kandi tumugaragariza igihe cyose. Niyo mpamvu rero Mwene Muntu muri ibi bihe nta ruhare yifiteho kandi Mwene Muntu nta mahitamo yandi afite usibye kugendera mu gushaka kwa DATA kandi kuyoborwa nako igihe cyose kugira ngo ahorane umutsindo kandi ahorane imbaraga zacu ndetse no kumvira gukomeye mu buzima bwe bwa buri munsi.

## 3. IBYIZA BYO KWEREREZWA MU RUKUNDO

Nabayeho mu rukundo kandi mbaho mu bwiyoroshye n'ubwicishe bugufi bw'imbaraga za DATA bityo biranyobora kandi birangenga igihe cyose biramukira bityo bimpa guhabwa ubwigenge nyabwo kandi bimpa gutsinda ibishuko byose by'umwanzi kuko nari naremereye DATA kandi nari naramwemereye kuba umuja we muri byose kugira ngo angenge kandi numvire itegeko rye bityo muha urukundo rwanjye rwose kandi muha imbaraga zanjye zose maze biranyorohera kandi bimfasha gutsinda Isi n'abayo ndayiyambura kandi niyaka ibyayo byose kuko nari ndi mu rukundo rwa DATA kandi nari ndi mu kumvira gukomeye guturuka kuri DATA.

Ni byiza ko Mwene Muntu uri mu Isi kandi ni byiza ko Mwene Muntu wumva ko ashakashaka Uhoraho kandi ashakashaka uruhanga rwe rukomeye agomba guca bugufi muri we kandi agomba kwiyoroshya kugira ngo roho ye n'umubiri we byererezwe kandi bizamurwe mu bubengerane bw'Imana Data ahuze urugwiro kandi abe mu musabano uhoraho n'ibikorwa by'abamalayika ndetse n'abatagatifu biturutse mu bwicishe bugufi kandi biturutse mu bwiyoroshye mu kuba umunyakuri muri byose kandi mu kwishyira ahagaragara ndetse no kumva ko iteka ryose urumuri rwa DATA ruhora rumurasiyeho kandi kumva ko iteka ijisho rya DATA rihora riri kure we maze akiyambura ubusa igihe cyose imbere y'Imana Data bimworohera kandi bimworohereza urugendo rwe rwo

kwererezwa kandi urugendo rwe rwo kuba mu musabano n'ab'Ijuru kandi kubaho mu mbaraga zikomeye z'Imana Data.

Bisaba rero ubwitange kandi bisaba kwemera guca bugufi kandi kwiyoroshya mu buryo bukomeye kumva ko Mwene Muntu ari ubusabusa urukundo rw'Imana ari rwo rugomba kumutwara kandi urukundo rw'Imana ari rwo rugomba kumugenga kuko icyo gihe Mwene Muntu aba yarinjiye mu nzira y'Ubutungane kandi Mwene Muntu aba yarinjiye mu nzira y'ukuri kwemera ko Kristu kandi kwemera ko DATA ari byose mu buzima bwe kandi ari imbaraga ze zikomeye. Kwererezwa rero ni igikorwa Mwene Muntu agiramo uruhare kandi Mwene Muntu ni igikorwa akorerwa abishaka atabishaka kuko byose bituruka mu rukundo rw'Imana Data kandi uwemeye gutwarwa n'Uhoraho Imana Data kandi akemera kugengwa n'ububasha bw'Imana Data yererezwa mu rukundo kandi akamera nk'usinziriye agatwarwa n'agatotsi bityo agasabana kandi akagera mu bubengerane bukomeye nk'uko byangendekeye kandi byagendekeye roho yanjye n'umubiri wanjye bityo ububasha bw'Imana Data burantwikira kandi burambundikira mu rukundo rwinshi kandi mu bwuzu bwinshi DATA yari amfitiye abamalayika bari bamfitiye ndetse n'abatagatifu bari bamfitiye mu kunsanganira kandi mu kuba hafi yanjye mu kungota ndetse no kunyuzuza urumuri rwantwaye wese kandi rukanzamura wese. Niyo mpamvu rero uwifitemo urukundo kandi uwifitemo ibyishimo bihoraho ahora iteka muri uwo musabano bitagombye ko agomba kuva mu buzima kandi agombye gutwarwa ukundi bityo ububasha bwacu bukamwigaragariza kandi agahora iteka aguwe neza

muri ubwo bubengerane kandi muri urwo rumuri kuko tuba twararangije kwihuza na we kandi tuba twararangije kwerereza umubiri we wose ndetse na roho ye yose bityo agahora iteka mu musabano kandi tukaba mu nzu imwe na we kuko tuba turi mu ngoro imwe y'umutima we kandi dutekanye muri we kandi dutuye muri we ibihe byose. Ni igikorwa rero Mwene Muntu aba agomba kugiramo uruhare kandi ni igikorwa kiba gisaba Mwene Muntu kwirekura ndetse no kumva ko ububasha bw'Imana Data bumugenga kandi kumva ko Ijuru ririho ndetse n'ibikorwa byaryo bikora kandi bikigaragaza uko bishatse bityo Mwene Muntu agatoranya ikibi cyose cy'umwanzi akagishyira ku ruhande kandi akagitotora kuri we akakikuraho bityo akinjira mu bubengerane bw'Imana Data kandi akambara umwambaro w'ubutungane kugira ngo urusheho iteka gutagatifuzwa kandi urusheho iteka gusukurwa kugira ngo yinjire mu bubengerane nyakuri bw'ubuziranenge bw'Imana Data. Ni inzira rero Mwene Muntu aba agomba kugiramo uruhare mu kuyihutisha kandi mu kuyibamo kugira ngo yihuze n'urukundo rwa DATA kandi yihuze n'ibikorwa byacu bikomeye ibikorwa by'ibyishimo kandi ibikorwa by'urumuri kuko urumuri ari rwo dutuyemo igihe cyose kandi urumuri ari rwo tuganjemo ruduha gusabana kandi ruduha guhorana amanywa igihe cyose nta mwijima w'umwanzi utuye mu bikorwa bya DATA. Niyo mpamvu rero mwene Muntu aba agomba kwinjira mu rumuri kandi aba agomba gusukurwa narwo bityo rukamurema rukamutagatifuza kandi rukamuhindura byose akumva imbaraga ndetse n'ububasha bugendanye n'urumuri mu kumuha ubuzima bushya kandi mu kumuha imyubakire ndetse

n’imibereho mishya ikomotse ku rukundo rw’Imana Data. Ni ko kamaro rero k’urumuri kandi ni zo mbaraga z’urumuri mu kwerereza Mwene Muntu kandi mu kumufasha kubaho mu rukundo kuko icyo urumuri rukora ni ukumwambura umubiri w’igisazira kandi icyo urumuri rukora ni ukumwambura ibikorwa byose by’umwanzi bityo agafubikwa urukundo rw’Imana Data kandi akambikwa ububasha bwa Kristu-Rumuri kandi akambikwa imbaraga z’ububasha bw’ingingo-rumuri Kristu Nyagasani. Niyo mpamvu rero Mwene Muntuaba aba agomba kwakira urwo rukundo kuko Kristu ari urukundo rwitangiye bose kandi urukundo rwahaze byose urukundo rwemeye kwicisha bugufi kandi urukundo rwemeye kwakira imibabaro yose kugira ngo Muntu arokoke kandi Isi yose ibone agakiza ku bw’ineza yari afitiye Mwene muntu kandi ku bwo kwirengagiza amakosa ndetse n’ikibi cya Mwene Muntu ndetse n’imbaraga zose z’umwanzi bityo agakora icyo agomba gukora kandi agakora ikimugenza n’icyamuzanye mu Isi. Mwene Muntu rero mu rukundo afitiye DATA kandi mu rukundo afitiye Ijuru ryose hari icyo aba agomba kwigomwa kandi hari icyo aba agomba kureka kugira ngo abashe kwakira ubwo bubengerane kandi abashe kwakira izo mbaraga zikomeye zo gusukurwa kandi izo mbaraga zikomeye zo kwererezwa mu bubengerane bw’Imana Data. Ni ibikorwa rero bizagenda bimenyekana mu Isi yose kandi ni ibikorwa bizagenda byigaragariza Mwene Muntu kuko ari ibikorwa bikorwa mu bubasha bw’Imana Data kandi akaba ari ibikorwa bikorwa mu kwemera kwiyunga kwa Mwene Muntu yiyunga n’ububasha bw’Imana Data yihuza nabwo bitro agahabwa urumuri kandi agafungurirwa amarembo magari amufasha

kuyoboka ibikorwa bya DATA kandi kubisobanukirwa ndetse no kubituramo mu byishimo amahoro n'urukundo. Byose rero ni imbaraga z'urukundo kandi byose ni imbaraga z'ukwemera gukomeye ko kwakira DATA kandi kwakira Kristu-Rumuri kugira ngo amurikire Mwene Muntu kandi amwiyambike bityo amubesheho mu buryo nyabwo bukwiriye kandi mu buryo bw'urukundo ruhoraho Kristu Nyagasani rwamuzanye mu Isi kuko rwari urukundo rwo kureshya bose kandi rwari urukundo rwo kwerereza bose kugira ngo abiyegereze bityo abashyire mu rumuri rwa DATA kandi abashyire mu bubengerane bw'ikuzo rihoraho rya DATA. Ni imbaraga rero z'ububasha kandi ni imbaraga z'urukundo ruhoraho rw'Imana Data mu guhindura byose kandi mu kugaragaza imbaraga zikomeye mu Isi ndetse no mu Ijuru bityo ibikorwa byacu bikigaragaza kandi ibikorwa byacu bikagaragarira Isi yose mu mbaraga zikomeye kandi mu bubasha butavogerwa ni ibikorwa rero by'urukundo kandi ni ibikorwa by'imbaraga biba bigomba kugaragarira Isi yose kandi biba bigomba kugaragarira Mwene Muntu kugira ngo ububasha bw'Imana Data bwigaragaze kandi imbaraga zihoraho z'urukundo rw'Imana Data kugira ngo zigaragarire Mwene Muntu kandi zimufashe kwinjira koko mu bubengerane ndetse no mu musabano ukomeye w'urukundo rw'Imana Data.

## 4. KWEREREZWA BIFUNGURA UBUBASHA BW'URUMURI-MANA

Muntu warangije kwererezwa kandi Mwene Muntu warangije kwihuza n'ububasha bw'Imana Data kandi kwakira urumuri rw'Imana Data bimufungurira imbaraga zikomeye kandi bimufungurira ibimenyetso bikomeye by'ukwemera kandi ibimenyetso bikomeye by'umusabano Uhoraho n'Ijuru ryose kuko aba yahawe imbaraga zikomeye kandi akaba yahawe umwanya mu bikorwa by'Imana Data bityo akisanzura mu bubasha bwayo bwose kandi akisanzura mu bikorwa byayo byose. Kwererezwa rero bigendana n'isuku ikomeye Mwene Muntu anyuzwamo kandi bikagendana n'isuku ikomeye Mwene Muntu yambikwa kugira ngo abashe guhura kandi abashe kwakira urumuri rw'Imana isumba byose mu bubasha bwayo bwose kuko Muntu warangije kwererezwa aba atakibereyeho kandi aba yahawe imbaraga zikomeye zimufasha kwakira ibikorwa bikomeye by'Imana Data.

Uwamaze rero kwererezwa kandi uwamaze guhabwa ubwo bubengerane ahabwa n'imbaraga zo gukora ibimenyetso bikomeye mu Isi yose kandi ibitangaza bikomeye mu Isi bigendanye n'ukwemera aba yarangije kwambikwa kandi bigendanye n'imbaraga ziba zituye muri we kuko ari yo mpamvu Kristu Nyagasani yemeye kwigaragariza intumwa ze kandi akemera kuziha umwanya kugira ngo bitarurane bityo bagendane kandi bakorane imirimo ikomeye ku musozi wa Tabor yemera kubambika imbaraga zikomeye kandi yemera kubagaragariza ikuzo rye kugira ngo hatagira uko bitiranya

ikuzo rye n'ibikorwa by'umwanzi kandi abahishurira urumuri rwe rwose kugira ngo abashe guhumurwa kandi abashe kubona ibikorwa bitambutse by'Uhoraho Imana kugira ngo igihe cyose bahore banyotewe n'urukundo rwa DATA kandi igihe cyose bahore biyumvamo ubwo bubasha bukomeye buzababafasha kuba abahamya beza kandi kwibuka ibyo Kristu Nyagasani yababwiye kandi yakoreye muri bo. Niyo mpamvu rero kwererezwa bifungura imiyoboro yose kandi kwererezwa bigafungura imirongo kandi bigafungura imiyoboro yose y'urumuri kandi imiyoboro yose igomba kunyurwamo ibikorwa by'Imana Data kuko haba habonetse imbaraga zikomeye muri Mwene Muntu kandi haba hazibuwe ibyazibye muri Mwene Muntu bityo akongera gusubizwa mu rumuri rwa DATA kandi kongera gusubizwa mu bubengerane bw'Imana Data kuko imihibibikano yose y'Isi aba amaze kuyamburwa kandi aba amaze kuyigirizwayo kugira ngo abashe kubona urumuri rw'Imana kandi abashe kumva ibikorwa byayo bitavogerwa kandi ibikorwa byayo bidakumirwa. Kwererezwa rero ni imbaraga zikomeye kandi ni imbaraga zifungura ububasha bw'Imana Data kuri Mwene Muntu kuko aba yashyizwe mu burinzi bwayo kandi aba yarangije kwambikwa imbaraga zikomeye kugira ngo zimufashe gukora ibikorwa bigendanye n'ububasha kandi kugaragaza ikuzo ry'Imana Data mu biremwa byose kandi kugaragariza Mwene Muntu ububasha budahangarwa bw'Imana Data.

Uwererejwe rero aba asabwa kugendera muri urwo rumuri kandi kugendera muri uwo murongo igihe cyose agahora iteka ku gicaniro yenyegeza izo mbaraga zikomeye kandi agahora

iteka ateze ibiganza yakira ububengerane bw'Imana Data ku biremwa biba biri mu Isi ko biba byahawe imbaraga zikomeye kandi byahawe izo mbaraga zo gukomeza kurwana ndetse no guhangana n'imitego yose y'umwanzi. Hari byinshi rero DATA yemeye gushyiraho kandi yemeye gufungura kugira ngo ububasha bwa Mwene Muntu kandi n'imbaraga Mwene Muntu yahawe mu kwererezwa kugira ngo zimufashe gutsinda ndetse no gutsiratsiza ibikorwa byose by'umwanzi kugira ngo iteka agendere mu rumuri kandi abashe guca mu bikorwa byose bikomeye atambukanye urumuri kandi atambukanye ubwo bubasha bw'urumuri rumumurikira kandi rumufasha kugera ku ntego y'icyo DATA yifuza kandi icyo ashakira Mwene Muntu. Ni imbaraga rero zikomeye kandi ni imbaraga zifungura umusabano nyawo iruhande rwa DATA na Mwene Muntu bityo Mwene Muntu agakururwa n'urumuri ruhoraho rw'Imana Data kandi Mwene Muntu agatwarwa n'ububasha bukomeye bw'Imana Data mu kumuyobora kandi mu kumuganisha mu cyiza ndetse no kumwerekeza mu murongo Uhoraho Imana aba yifuza kandi aba ashaka kuri icyo kiremwa kandi aba ashakira Mwene Muntu. Ni imbaraga rero zitavogerwa kandi ni imbaraga z'ububasha zifungura amarembo kandi zifungura umusabano wose wo gushaka kwa DATA kuri Mwene Muntu bityo kukuzuzwa muri we kandi kugashyirwa muri we kukamuyobora kukamugenga kukamubwiriza kandi kukamuha gukora igitunganye kandi n'ikinogeye umugambi w'Imana Data kuko aba atakinyuranya n'ugushaka kw'Imana Data kandi aba atakinyuranya n'umugambi w'Imana Data kuko igihe cyose arindira icyo Uhoraho Imana agomba gukora muri we kandi akarindira icyo Uhoraho Imana agomba kuyobora muri we

bityo akayoborwa n’urumuri rukomeye rw’Uhoraho Imana kandi akayoborwa n’imbaraga ze zitavogerwa ziba zigomba kumwigaragariza kandi ziba zigomba kugaragarira mu mubiri we kandi mu buzima bwe bwa buri munsi.

Muntu rero wamaze kwererezwa aba yabaye urumuri kandi aba yabaye Kristu kuko aba yarangije kwihuza na we kandi aba yarangije kumwambara bityo ingingo ze zose zikuzura ubuziranenge bw’Imana Data kandi zikagera ku busendere bukomeye kuko Mwene Muntu yererezwa mu mbaraga z’ububasha bw’Imana Data kandi mu gushaka kwayo bityo buri wese akaba afite inzira anyuramo yo kugira ngo yererezwe kandi ahabwe izo mbaraga kuko bose zitihutishwa kimwe bitewe n’imihibibikano ya Mwene Muntu kandi bitewe n’uruhare agira ndetse n’umuhate agira mu kugira ngo asabane n’Uhoraho Imana kandi yishimire ibikorwa by’Uhoraho Imana. Uwemeye rero kwishimira mu rukundo rw’Imana Data ahabwa imbaraga mu buryo bwihuse kandi agahabwa ubusendere kuko aba agaragaza inyota kandi aba agaragaza inzara afite bityo ububasha bw’Imana Data bugahora iteka bumushyigura kandi bugahora iteka bumuzamura muri ubwo bubengerane nta kimuzitira kandi nta kimubera imbogamizi kuko aba yarangije gufungura imiryango yose kandi aba yarangije gukingura ndetse no kwambara ingingo za Kristu-Rumuri zikamumurikira kandi zigatura muri we bityo akiyumvamo ubwo bubasha kandi akiyumvamo iryo kuzo rihoraho ry’Imana Data mu buzima bwe atakigengwa na Mwene Muntu kandi atakigengwa n’amarangamutima ahubwo agengwa n’ukuri kw’Imana Data kandi agengwa

n'ububasha bwayo igihe cyose bityo akayoborwa n'urumuri rwa DATA kandi akayoborwa n'imbaraga ze zikomeye ibihe byose kuko ububasha bw'Imana Data buba bumutwikiriye kandi buba buri muri we mu mbaraga zikomeye kandi mu bimenyetso bifatika n'imiyoboro igaragara iba iyoborera muri uwo muntu kandi iba iyoborera muri Mwene Muntu mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika bityo ububasha bwacu bukihuza na we kandi imbaraga zacu zitavogerwa zikamuyobora zikamwereka igikwiriye ndetse n'igitunganiye umugambi wa DATA. Niyo mpamvu rero kwakira imbaraga zose z'urumuri rw'ububasha bw'Imana Data bifungura kandi bikihutisha ububasha bukomeye bw'Imana Data muri Mwene Muntu mu gukora ibitangaza kandi mu kugaragaza imbaraga zo kwitangira bose ndetse no kwihara kugira ngo abandi baronke ubuzima kandi abandi babone umusabano mu Mana DATA kandi biyumvemo urukundo rw'Imana Data igihe cyose. Niyo mpamvu rero uwarangije kwererezwa kandi uwarangije kumaramaza muri byose kugira ngo abashe kwakira urukundo rw'Imana Data igihe cyose ahora agendana na Kristu kandi igihe cyose agahora agenda mu rukundo rwa Kristu kandi agahora yambaye Kristu asa nka Kristu mu bikorwa bye kandi asa nka Kristu mu migirire ye yose bityo urukundo rwa Kristu rugatura muri we kandi ububasha bw'Imana Data urumuri rwayo rukaganza muri we rukagura amarembo kandi rugakora byinshi rubohora bose mu buryo bw'imbaraga kandi mu gutagatifuza imbaga yose y'abari mu Isi.

5. UMUTSINDO W'IBIKORWA BYA DATA MU MUTIMA UTAGIRA INENGE NI ZO MBARAGA ZO GUTSINDA KWA MUNTU

Uhoraho Imana yateguriye Mwene Muntu ibikorwa bigendanye no kumugaragariza umutsindo kandi ibikorwa bigendanye no kumubohora amwinjiza mu rumuri rwayo kandi mu rumuri rwe ruhoraho iteka ryose kugira ngo Mwene Muntu abe ari rwo atuzwamo kandi Mwene Muntu abe ari rwo yishimiramo kandi yisanzuriramo ubuzima bwe bwose. Integuro rero y'umugambi wa DATA kandi integuro ikomeye y'ibikorwa bye byo gutsindira Mwene Muntu kandi kugaragaza umutsindo ukomeye w'umutima utagira inenge w'Imana Data kandi umutima utagira inenge wanjye ni ibikorwa bigomba kugaragarira Isi yose kandi ni ibikorwa bigomba kumvikanira mu Isi yose kugira ngo Mene Muntu amenye ko yabohowe amaboko y'umwanzi kandi Mwene Muntu amenye ko ububasha bwacu bwatsinze byose kandi bwaje kumuhambura ndetse no kumubohora kugira ngo azamurwe mu bubengerane bwa DATA kandi azamurwe mu ikuzo rya DATA kuko Uhoraho Imana atazigera yemera ko ububasha yaremesheje Mwene Muntu kandi imbaraga yamuremesheje zipfa ubusa kandi ziteshwa agaciro n'umwanzi akaba ari yo mpamvu yateguye ibikorwa bikomeye by'umutsindo ukomeye kandi umutsindo uturuka mu bubasha bwe bityo akawuzuriza mu bikorwa by'umutima utagira inenge wanjye kugira ngo byigaragarize Isi yose kandi bimenyekane mu Isi yose mu mutsindo udakuka w'umutima utagira inenge wanjye kuko

hazumvikaniramo imbaraga zikomeye zo kubohora Mwene Muntu kandi kumuha ububasha bukomeye ndetse no kumwinjiza mu mutima utagira inenge wanjye kugira ngo ahabwe ububengerane kandi yuzuzwe imbaraga zikomeye.

Integuro yacu rero Mwene Muntu ntiyabasha kuyitahura kandi Mwene Muntu ntiyabasha kumva integuro uko ikoze kandi n'uko twayiteguye ariko ni igihe cyo kugira ngo umutsindo ugaragaze byose kandi umutsindo uhishure byose kuko hari byinshi bigomba guhishurirwa mu mutsindo ukomeye w'umutima utagira inenge wanjye ugomba kugaragarira Isi yose kandi ugomba kumvikanira mu Isi yose bityo ukagendana n'ibikorwa byo kwerereza Mwene Muntu kandi ibikorwa byo kurema ingingo nshya muri Mwene Muntu kugira ngo ayoborwe n'urumuri kandi agengwe n'urumuri igihe cyose kuko nta gihe kigihari cyo kugira ngo Mwene Muntu yigenge kandi Mwene Muntu ace ukubiri n'ibikorwa by'Uhoraho akaba ari yo mpamvu twateguye umutsindo ukomeye kandi DATA yawuteguye akawutegurira Mwene Muntu bityo akagena ko ugomba kuzurizwa mu buzima banjye kandi mu mibereho yanjye kugira ngo Isi yose ibashe kuzamurwa kandi Isi yose ibashe kugera mu bubengerane bukomeye bw'Imana Data.

Ni byinshi rero byateguwe kugira ngo Umutsindo Udakuka w'Umutima utagira inenge wanjye kugira ngo wigaragarize Isi yose kandi umutsindo ukomeye w'ibikorwa bya DATA mu buziranenge bwe kugira ngo bigaragarire Isi yose kandi byumvikane mu buzima bwa Mwene Muntu kuko hagombaga gukurwaho icyari imbogamizi kandi ibyari inkomyi byatumaga Mwene Muntu atabasha kumenya urukundo rwa DATA kandi

atabasha kumva imigambi yose y'Uhoraho Imana kuko icyari urukuta cyose cyakuweho na Kristu Nyagasani kugira ngo Mwene Muntu atambuke kandi yinjizwe mu rumuri mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika.

Ni imbaraga rero zose z'integurow'umugambi wa DATA kandi zigomba kumvikanira Isi yose kandi zigomba kugaragarira mu Isi kugira ngo ibikorwa byacu byigaragaze kandi ububasha ububasha bwacu butavogerwa burusheho kugaragarira Mwene Muntu kandi burusheho kumutangarizwa mu bikorwa bigendanye n'imbaraga zo kumwerereza kandi mu bikorwa bigendanye no kumvikanisha umutsindo ukomeye w'umutima utagira inenge wa DATA. Ni igihe rero gikomeye kugira ngo ibyo bikorwa byigaragarize Isi yose kandi bifashe Mwene Muntu guhamburwa ndetse no kuvayo akava mu mbaraga zose z'umwanzi kandi akamaramaza amaramaje kugira ngo ububasha bw'Imana Data buture muri we kandi bumuyobore kuko ari igihe cyo kugira ngo akurweho udusindu twose kandi akurweho imyanda yose y'umwanzi ndetse n'ibyamuteye gutambamira umugambi w'Imana kugira ngo byose bikurwe muri we kandi ubumara bwose bwa Sekibi bugende bukurwa muri Mwene Muntu kuko buzakurwamo n'urumuri kandi buzakurwamo n'ibikorwa bigendanye n'umutsindo ukomeye wa DATA ugomba kumvikanira Isi yose kandi ugomba kugaragaza ko Kristu Nyagasani ari urumuri rw'amahanga kandi ko Kristu yatsinze byose bityo agatangaza izuka kandi agatangaza urumuri muri bose kandi agatangaza imbaraga zikomeye zo guhumuriza ndetse no kurema Mwene Muntu bundi bushya amuremamo ukwemera gukomeye kandi

amufasha guhumuka kugira ngo yumve ububasha bukomeye bwa DATA.

Ni ibikorwa rero bigomba kwigaragariza isi yose kandi ibikorwa bigomba kumvikana mu Isi yose kugira ngo ubwo bubasha bwigaragaze kandi Mwene Muntu ahamburwe ku ngoyi y'umwanzi ayihambuweho akaba ari yo mpamvu twateguye ibikorwa byo kwerereza Mwene Muntu kandi tukabishyiraho kugira ngo Muntu yigiremo ingingo zifite urumuri kandi Mwene Muntu abe urumuri uko ari kose kandi aho ari hose mu byo arimo byose ahore iteka ari urumuri rwaka kandi ahore iteka ari urumuri ruhindura Isi kandi urumuri ruhindura byose mu Isi. Mwene Muntu rero ni we ugomba kugira uruhare kandi ni we ugomba gufata iya mbere kugira ngo yinjire mu gushaka kw'Imana Data kandi akwinjiremo mu ituze nta ntugunda kabone n'aho Mwene Muntu yakwibyazamo impagarara tuzamwinjiza mu gushaka kwacu kandi mu bikorwa bigendanye n'umutsindo kuko agomba kukujyamo kandi agomba kumva izo mbaraga zikomeye.

Hari byinshi rero byateguwe kandi hari integuro nziza igenewe Mwene Muntu kandi yateguriwe Isi yose kugira ngo Mwene Muntu akomeze kumva icyiza cyo kubaho mu buziranenge bw'Imana Data kandi icyiza cyo kubaho yarerejwe kandi yarihuje n'Imana Data kuko bimuha ubwigenge nyakuri kandi bikamuha ubwisanzure nyakuri bityo ntagende nk'umunyamubwoba kandi ntagende nk'igisambo ahubwo akisanga mu bikorwa by'Imana Data kandi akisanga mu mbaraga z'abamalayika ndetse n'abatagatifu kuko aba yarangije kunga ubumwe nabo kandi aba yarangije kunga

ubumwe nanjye bityo akaba umwana wizihiwe kandi umwana wizihiye DATA. Hari byinshi rero bigomba gukorwa kugira ngo hakurweho izo mbogamizi kandi hakurweho izo ntambamyi zose kuri Mwene Muntu kuko umutsindo uzabohorera byose icyarimwe kandi umutsindo ukumvikanisha buri kimwe cyose mu njyana DATA yifuza kandi mu njyana igendanye n'ibikorwa bye by'umutsindo kuko hazasobanukamo byose kandi hakazisobanuramo byose bityo ibikorwa bye bidahangarwa kandi imbaraga ze zitavogerwa zikigaragariza Isi yose kandi zikumvikana mu bimenyetso ndetse n'ibitangaza bikomeye bigomba kugaragara mu Isi kandi bigomba kumvikanira Isi yose kugira ngo ubabasha bw'Imana Data bwigaragaze kandi imbaraga zikomeye z'ubuziranenge bw'Imana Data kugira ngo bugaragarire Isi yose kandi bubohore byose mu Isi.

Kwererezwa rero ni igikorwa twishyiriyeho kandi ni igikorwa DATA yafunguje kugira ngo gifashe buri kiremwa cyose kiri mu Isi kandi gifashe Mwene Muntu mu kwihuza n'urukundo rw'Imana kandi mu kwambara imbaraga zikomeye z'urukundo rw'Imana kugira ngo ubwo bubasha butavogerwa kandi izo mbaraga zidahangarwa kugira ngo zigaragarize Isi yose kandi zimenyekane mu buryo bw'agatangaza. Hari byinshi rero bigomba gukorwa muri izo mbaraga kandi hari byinshi bigomba kwigaragaza muri ubwo bubasha bugendanye n'ibikorwa by'umutsindo kugira ngo Mwene Muntu agaragarizwe ko yakuriweho ubwigenge bwe bwose kandi Mwene Muntu agaragarizwe ko DATA yafunguye ububasha bwe mu buzima kandi mu mubiri wa Mwene Muntu kugira ngo amugenge kandi amwigarurire. Mwene Muntu rero yahanzwe

na DATA kandi niwe umufiteho uruhare ndetse n'ubwigenge akaba ari igihe cyo kugira ngo ibikorwa by'umutsindo we bigaragarize Mwene Muntu intege nke ze kandi bigaragarize Mwene Muntu ko akwiriye kuyoborwa n'urukundo rwa DATA kandi kugengwa narwo igihe cyose. Ni ibikorwa rero bikomeye biziaragariza Mwene Muntu kandi ni imbaraga zitavogerwa zizagaragarira Mwene Muntu mu kumufasha kumva urukundo rw'Imana kandi mu kumufasha kumva ibikorwa bihoraho by'Imana Data mu buzima bwe kandi mu bwigenge agomba gukomora mu bubasha bw'Imana Data. Ni umutsindo rero uzumvikanira Isi yose kandi ni umutsindo uzagaragarira buri kiremwa cyose kiri mu Isi kuko Mwene Muntu agomba kumva ubwo bubasha kandi Isi yose ikumva izo mbaraga z'urumuri rw'Imana Data mu kwererezwa kandi mu gushyirwa mu bubengerane buhoraho bw'urukundo rw'Imana Data. Ni igikorwa rero cyafunguwe mu buziranenge bwa DATA kandi ni igikorwa cyafunguriwe umutsindo ukomeye w'ibikorwa bya DATA mu Isi yose kugira ngo Mwene Muntu yererezwe kandi Mwene Muntu ashyirwe mu bubasha bw'Imana Data ature mu bikorwa by'Imana Data kandi abe umuyobozi wabyo nk'uko DATA yahaye Mwene Muntu kuyobora ibyo yahanze kandi akamuha kubigenga ariko Muntu agatwarwa n'ubwigenge bw'ibyo DATA yahanze.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ibyo byose byacuritswe n'umwanzi kandi ibyo byose byibasiriwe n'umwanzi kugira ngo bikurweho bityo ibikorwa by'ubuziranenge bwacu byigaragarize Isi yose kandi ibikorwa by'umutsindo wa DATA kugira ngo byumvikane mu Isi yose kandi bigaragarire Mwene Muntu bityo agengwe

n'itegeko rikomeye ry'urukundo rw'Imana Data kandi agengwe n'ububasha butavogerwa bw'Imana Data. Hari byinshi rero bigomba gukorwa kugira ngo umutsindo w'Imana Data wigaragarize Mwene Muntu kandi umwumvishe ko agomba kuzamurwa mu rumuri kandi agomba kuruturamo igihe cyose bityo akagenga byose kandi akabaho agengwa n'urumuri kandi ayobowe narwo mu nzira ze za buri munsi kandi mu bwisanzure n'ubwigenge yibonamo mu batagatifu n'abamalayika. Ni ibikorwa rero by'umutsindo byafunguye imbaraga zo kugira ngo Mwene Muntu yererezwe kandi Mwene Muntu ashyirwe mu rumuri arwambare kandi yambare Kristu bityo aberwe na we kandi ayoborwe n'ububasha bwose bwa Kristu mu kumuha imbaraga kandi mu kumufasha gutera imbere ndetse no kumva urukundo ruhoraho rw'Imana muri byose. Ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga zigaragare kandi ubwo bubasha bwumvikanire Isi yose kuko Mwene Muntu agomba kuba muri urwo rumuri kandi Mwene Muntu agomba kubaho muri iyo nzira ndetse n'injyana y'icyo DATA yifuza kandi yashyiriyeho umutsindo ukomeye w'ibikorwa bye kugira ngo Muntu abohorwe kandi Mwene Muntu yambare izo mbaraga zikomeye zigendanye n'ibikorwa by'Imana Data mu mutsindo wayo mu bikorwa bigendanye n'ububasha bukomeye bugomba kugaragara mu mutima wanjye utagira inenge mu kurangiza byose kandi mu kurangiza intambara zose z'umwanzi mu Isi kugira ngo ibikorwa byose Mwene Muntu yateguriwe abashe kubishyikirizwa kandi abashe kubyakira ari mu buziranenge kandi ari mu bubasha bw'Imana Data.

UMWANZURO

Imbaraga zo kwererezwa kandi ububasha bugendana no kwerereza Mwene Muntu bugendanye n'impinduka zigomba kugaragarira Isi yose kandi n'impinduka zigomba kumvikana mu mibereho ya Mwene Muntu kandi mu buzima bwe bwa buri munsi kurushaho kwiyunga n'urukundo rw'Imana Data kandi kurushaho kuyoborwa narwo mu nzira ze za buri munsi kandi mu migenzereze ye ya buri munsi kuko kwererezwa kwa Mwene Muntu kwakuyeho ubwigenge bwose yiyumvagamo kandi kwakuyeho ugushaka kwe bwite kwa Mwene Muntu kugira ngo kwigizweho bityo Mwene Muntu ayoborwe n'urukundo rw'Imana kandi ayoborwe n'imbaraga zitavogerwa ziturutse mu mbaraga za Yezu Kristu kandi ziturutse mu bubasha bwa Kristu watsinze byose mu Isi.

Ni igeno rero DATA yahaye Mwene Muntu kandi ni imbaraga zikomeye DATA yateguriye Mwene Muntu kugira ngo arusheho kumva urukundo amukunda kandi arusheho kumva urukundo yamuremanye kandi urukundo rw'intangiriro y'ubuzima bwa Mwene Muntu mu Isi bityo Mwene Muntu arusheho kumva kandi arusheho gusobanukirwa n'ibyo bikorwa bikomeye bya DATA kandi kwakira izo mbaraga za DATA zitavogerwa zigaragarije Mwene Muntu kandi zamuhaye kwakira urwo rukundo rukomeye yamuremanye kandi yamuhanganye. Ni igihe rero cyo kugira ngo ibyo bikorwa bigendanye no kwererezwa kandi ibikorwa bigendanye no kubaho mu buzima bushya bwa Mwene Muntu bishushanye urukundo rushya muri Mwene muntu kandi bishushanye

urukundo rukomeye rw'Imana Data mu buzima bwa Mwene Muntu kuko hari byinshi byakozwe ku bw'imbaraga zo kugira ngo Mwene muntu ahabwe izo mbaraga kandi ahabwe urukundo nyampuhwe kandi urukundo rw'Imana Data yemera kumwerereza kandi yemera kumuremera izindi nzira kugira ngo Mwene Muntu arusheho gusobanukirwa n'ubudahangarwa bw'Imana Data.

Kwererezwa rero ni igikorwa kigendanye n'urumuri rwa DATA kandi ni igikorwa kigendanye no kubohora Mwene Muntu kugira ngo akurwe ku ngoyi zose z'umwanzi kandi yamburwe ububasha bwose bw'umwanzi bityo ashyirwe mu rumuri kandi ashyirwe mu itegeko rigenga kandi rigenera Mwene Muntu kuba mu bwisanzure bw'Imana Data kandi rimugenera kubaho mu rukundo nyarukundo kandi mu rukundo n'ibyishimo by'Imana Data bihoraho bityo kugira ngo Muntu ahabwe amahoro asendereye kandi Mwene Muntu ahabwe imbaraga zitavogerwa ziturutse ku bwigenge DATA aha ibiremwa yahanze kandi aha Mwene Muntu yahanze. Kwererezwa rero ni igikorwa cy'intangiro y'ubuzima bushya mu Isi kandi ni igikorwa kigendanye n'imibereho mishya n'ububasha bwacu nk'ab'Ijuru mu kwihuza n'ibiremwa biri ku Isi kandi mu kwihuza na Mwene Muntu kugira ngo habeho ubwami bumwe bwa DATA kandi habeho ibikorwa bimwe twisangamo kandi Mwene Muntu yumva ko urukundo rwa DATA rumwegereye kandi ruri muri we kuko hari byinshi bigomba kugaragarira mu mbaraga zo kwererezwa kandi mu mbaraga zo kwihuza n'ububasha bw'Imana Data bityo ibikorwa byacu bikigaragaza kandi imbaraga zacu zitavogerwa mu rukundo rwa DATA

zigafasha Muntu guhumuka kandi zigafasha Mwene Muntu kumva ko agomba kwambara Kristu kandi agomba kuba urugingo rwa Kristu igihe cyose bityo ubuzima bwe bukayoborwa n'urumuri rwacu kandi bukayoborwa n'imbaraga zacu zidakumirwa kandi imbaraga zacu zitavogerwa zitsinda byose kandi zigahindura byose. Ni igikorwa rero cyemejwe n'Imana Data mu bikorwa bigendanye n'umutsindo kandi mu bikorwa byo kwambara Kristu kugira ngo Mwene Muntu ayoborwe n'ukuri kwacu kandi Mwene Muntu ayoborwe n'injyana y'icyo twifuza gukorera Isi yose kandi injyana igendanye n'ubwami bwa DATA bugomba kumvikana mu Isi yose kugira ngo icyo DATA ashatse gikorwe mu Isi kandi cyubahirizwe no mu Ijuru kuko hose kigomba kuzuzwa kandi kigomba gukorwa bityo icyo DATA yifuje mu Ijuru kigakorwa no mu Isi kandi kikubahirizwa nta kubusanya kandi nta kugendera ku ruhande itegeko rya DATA.

Hari byinshi rero bigomba kuzuzwa muri iyo njyana kandi hari byinshi bigomba gufungura Mwene Muntu amatwi kuko kumwerereza ari uburyo bwo kumusukura kandi ari uburyo bwo kumutagatifuza kugira ngo yuzuzwe urumuri kandi ashyirwe mu bubengerane bw'Imana Data bityo igihe cyose ahore yumvira kandi igihe cyose ahore agendera mu rumuri adahuye n'umwijima kuko umwijima ugomba gutsindwa kandi ibikorwa by'umutsindo wo kubohora Mwene Muntu kandi wo kubohora Isi byose bikazagendana n'imbaraga zikomeye Mwene Muntu azuzuzwa mu buryo bwo kwererezwa kandi mu buryo bwo guhabwa ubuzima bushya. Ni igikorwa rero cyo kubaka kandi ni igikorwa cyo kongera guhanga ibikorwa bishya

mu Isi kugira ngo habeho ibikorwa by'Ijuru rishya ndetse n'Isi nshya mu bwigenge kandi mu bwisanzure bw'abana b'Imana nta gitambamiye umugambi wa DATA kandi nta kiburizamo imbaraga za DATA kuko hazabaho umusabano mu Isi ndetse no mu Ijuru bityo ibikorwa byose bikihuza kandi imbaraga z'abamalayika n'abatagatifu zigakora mu Isi kandi zikigaragaza mu buryo bufatika kandi mu buryo bw'ibimenyetso bigaragara kugira ngo Mwene Muntu arusheho kwemera kandi Mwene arusheho kumenya imbaraga zikomeye z'ibikorwa bya DATA. Ni imbaraga rero DATA yateguye kandi ni ibikorwa yagennye kugira ngo bigaragarire Isi yose kandi byumvikane ku Isi yose ko hari byinshi bigomba guhinduka ku bw'izo mbaraga kandi hari byinshi bigomba guhinduka ku bwo kwemera kugira uruhare kandi kwambara ingingo za Kristu Nyagasani kandi Kristu watsinze kuko ububasha bwe bwose ari bwo buzakora mu Isi kandi ububasha bwe bukagaragariza Isi yose ibimenyetso n'ibitangaza bikomeye bigomba kumvikana mu Isi yose kandi bigomba kubumbira Isi mu rumuri rwa DATA kandi mu rumuri rwa Kristu. Ni imbaraga rero zateguwe kandi ibikorwa byanogejwe n'umugambi w'Imana Data bityo hakabaho integuro kandi bikagomba kuzuzwa kuko nta gikorwa DATA ashyiraho ngo kibe imfabusa kandi nta gikorwa DATA ashyiraho cy'imfabusa byose abishyiraho umutsindo we kandi abishyiraho imbaraga ze zikomeye zitavogerwa n'umwanzi kandi zitibasirwa na we.

Ni igihe rero cyo kugira ngo umutsindo wigaragaze kandi ibikorwa byo kuba mu bubasha bw'Imana Data kandi mu kubaho mu rumuri kwa Mwene Muntu kugira ngo iteka

ahorane ibyishimo kandi iteka ahorane imbaraga n'urukundo mu kuyoboka DATA kandi mu kwisanzura nk'ikiremwa cyahanzwe kandi cyahawe ububasha muri DATA. Ni imbaraga rero zikomeye zizigaragariza Isi yose kandi ni ububasha butavogerwa buzatsinda byose mu Isi kandi bukagaragaza byose mu Isi kuko ari icyemezo kidakuka cya DATA kandi ari icyemezo cyashyizweho na DATA kugira ngo ububasha bwe bwose bwigaragarize Isi yose kandi bwumvikane mu mbaraga n'urumuri kandi mu guturisha Mwene Muntu no kumuha ubwigenge mu rukundo rw'Imana Data yinjizwa mu mutsindo ukomeye w'ubuziranenge bwa DATA.

AMAHORO, AMAHORO, IBIHE BYIZA KUGUBWA NEZA, NDI MARIYA NYINA W'IMANA, UMWAMIKAZI W'IJURU N'ISI KANDI UMUYOBOZI W'IBIKORWA BY'UMUTSINDO WA DATA MU ISI YOSE. AMAHORO, AMAHORO!